Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Kamena 2023 *Ikinyarwanda*

Emera kwakira ibyo uhawe!

Ibyo mbibabwiye ngira ngo ibyishimo byanjye bibabemo. (Yoh 15,11)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Emera kwakira ibyo uhawe! – Kenshi ubuzima budutunguza ibyishimo ku buryo tutari twiteguye. Hari igihe ugira gutya wari watwawe n'imirimo yawe ya buri munsi hanyuma ukabona ubuzima buraguhobeye, indoro yawe ukayerekeza ahandi hantu, ibyishimo bikagusaba umutima. Mu bihe nk'ibyo ubuzima budusaba kwakira ibyo byishimo tukabicengeza mu mutima. Kuko twaremewe kwishima. Yezu na we byari bimuraje ishinga. Yigishije inshuti ze uko urukundo ruzira uburyarya rumeze, ko ari urukundo rushobora no guca mu kibatsi kubera mugenzi wawe. Yongeye ho ati: "Ibyo mbibabwiye kugira ngo ibyishimo byanyu bisendere!" (Yoh 15,11)

Kuva mu myaka icumi ishize hari abantu baza gucuruza utuntu dutandukanye mu mugi wacu. Abo bantu iyo ubitegereje usanga abenshi muri bo basheshe akanguhe ariko kandi ari abantu bishimiye ubuzima. Umunsi umwe, umwe muri bo yizihizaga imyaka 65 amaze ashyingiwe. Umunsi umwe nyuma y'umunsi mukuru, yaje mu misa mbere yo gufata gareyamoshi imusubiza imuhira. Wari umunsi wa Kristu-Mwami. Muri iyo misa nigishije ku bwami bw'urukundo, bwatwerekeye ku musaraba – ku ikamba ry'amahwa, ko urukundo nyarwo rukomeza kugeza ku ndunduro. „Uru rukundo ni rwo mwagaragarizanyije imyaka igera kuri 65 yose!" uko ni ko nababwiye mbihuza n'inyigisho y'umunsi. Barishimye cyane. Umukecuru yaranyitegereje aramwenyura, ni uko arambwira ati „Umugabo wanjye namuhimbiye indirimbo, ejo ndetse narayimuririmbiye mu misa!" Ako kanya nahise ntekereza kumubaza niba na none yakongera akayiririmba. Yarahagurutse, n'imyaka ye 91, ahagarara imbere y'umugabo we ni uko atangira kuririmba adategwa, nta ndangururamajwi, indirimbo ye bwite yahimbiye umugabo we. Indirimbo ishima. Umugabo we w'imyaka 93 yari yicaye ku ndebe, yuzuye ibyishimo. Ubwo kandi ni ko umugore we yamusomaga ku gahanga. – **Emera kwakira ibyo uhawe!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker